MINISTERI Y' IMARI, UBUKUNGU N'UBUCURUZI

IGENA MIGAMBI N'ITEGANYA BIKORWA

I. Politiki y'imari n'ubucuruzi ku gihugu cy'u Rwanda

1. Guharanira ubwisanzure n' ubwumvikane hagati y'umucuruzi n'umuguzi
   - Kwita ku misoro n'amahoro y'ibyinjira n'ibisohoka ntawe utoneshejwe ngo hagire n'uwubikwaho urushyo.
   - Gukurikirana uko ingengo y'imari ikoreshwa mu nzego za leta no mu bigo byigenga.
   - Kwigisha abenegihugu akamaro ko gutanga imisoro n'amahoro mu gihugu (inshingano z'umwenegihugu)
2. Gushishikariza abari n'abategarugori, ndetse n'urubyiruko rwose muri rusange gutinyuka no kwitabira umwuga w'ubucuruzi.

II. Kuvuganira ba rwiyemeza-mirimo, abanyemari n'abacuruzi

1. Guharanira gukorana neza n'abikorera ku giti cyabo mu kuzahura ubukungu bw'igihugu
2. Gushishikariza no guteza imbere ibikorwa by'ubuhinzi n'ubukerarugendo bizanira igihugu amadevize.
3. Guteza imbere ubucuruzi bw'imbere no hanze y'igihugu
4. Korohereza abashoramari mu mirimo yabo y'ubucuruzi
5. Guha abashoramari bo mu gihugu amahirwe angana mu bikorwa byabo by'ubucuruzi no gupiganirwa amasoko.
6. Guha abacurizi n'abarwiyemezamirimo amahugurwa ahoraho ku mategeko agendana n'ubucuruzi bw'imbere mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga, mu icunga mutungo n'ibarura mari.

III. Kugabanya Amadeni n'inguzanyo leta y'u Rwanda ifitiye amahanga

1. Kugena no kugenzura inguzanyo ikenewe mu iterambere no kongera ubushobozi bw'abenegihugu.
2. Kurinda abana b'igihugu umurage w'amadeni

IV. Kugenzura inkunga u Rwanda ruhabwa n'uko ikoreshwa

1. Guhagurukira kumenya inkunga itangwa n'abagiraneza uko yinjira, abo igeraho, ndetse no gusuzuma ibyagezweho.

V. Kuzahura no guteza imbere amajyambere y'i Byaro "Umurenge"

1. Gutangiza no kwegereza abacuruzi bacirirtse ibigo by'imari bibafasha kubona inguzanyo mu buryo bworoshye, no gutangiza gahunda yo guteza imbere amajyambere y'umurenge.

VI. Gukorana n'inzobere mu by'ubukungu mu:

1. Kugaragaza uko ubukungu bw'igihugu buhagaze mu gihugu no mu ruhando mpuza mahanga.
2. Kubaka umuco wo gukora ibarurisha mibare rihoraho kandi ridafifitse.
3. Kugenzura ihindagurika ry'ibiciro by'ikawa, icyayi, na peterori ku masoko y'imbere mu gihugu no hanze mu rwego rwo kugabanya ibitera ubukene bwa hato nahato mu bene gihugu.